REPUBULIKA Y’U RWANDA

# RAPORO Y’IHINDAGURIKA RY’IBICIRO MU NGANDA ZO MU RWANDA

IBICIRO BY’INGANDA MU RWANDA

GICURASI 2025

## INCAMAKE

Raporo ngarukakwezi y'ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda zo mu Rwanda

Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka riteye ku buryo bukurikira:

- Muri rusange, ibiciro byo mu nganda byazamutseho 6,3%
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byazamutseho 5,4%
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 8,4%

Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi riteye ku buryo bukurikira:

- Muri rusange, ibiciro byo mu nganda byazamutseho 2,5%
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byazamutseho 1,7%
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 4,4%

**Imbonerahamwe: Ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda**

| | 2024 | | | | | | | | 2025 | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Gicurasi | Kamena | Nyakanga | Kanama | Nzeri | Ukwakira | Ugushyingo | Ukuboza | Mutarama | Gashyantare | Werurwe | Mata | Gicurasi |
| **Ihindagurika mu mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | 6,9 | -1,9 | -5,4 | -5,1 | -9,3 | -5,6 | -0,1 | 0,2 | 0,6 | 4,3 | 4,2 | 2,4 | 6,3 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | 4,7 | -2,5 | -7,1 | -8,5 | -14,3 | -10,9 | -3,9 | -2,5 | -1,7 | 1,8 | 0,9 | 1,7 | 5,4 |
| Ibyoherezwa hanze | 12,6 | -0,6 | -1,3 | 3,3 | 2,8 | 7,5 | 8,2 | 5,9 | 5,5 | 9,7 | 10,8 | 4,2 | 8,4 |
| **Ihindagurika ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | -1,2 | -4,4 | 0,8 | 1,4 | 0,3 | 5,4 | 3,4 | -0,5 | 0,8 | -0,9 | -0,6 | -1,9 | 2,5 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | -1,9 | -3,6 | 0,9 | -0,7 | -1,4 | 5,4 | 3,3 | 0,5 | 1,0 | -1,2 | -2,2 | 2,0 | 1,7 |
| Ibyoherezwa hanze | 0,3 | -6,3 | 0,5 | 6,4 | 3,6 | 5,6 | 3,7 | -2,2 | 0,5 | -0,3 | 2,4 | -8,9 | 4,4 |

## INTANGIRIRO

Raporo y'ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda yerekana igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro hagendewe ku giciro fatizo gihabwa nyiri igicuruzwa cyangwa utanga service nta yandi mafaranga yiyongereyeho (imisoro, ay'ubwikorezi...). Iyi raporo mu Rwanda itangazwa buri kwezi.

Ikusanyamakuru kuri iyi raporo ryakorewe mu nganda n'ibigo by'ubucuruzi 114 no ku bicuruzwa 402 biri hirya no hino mu gihugu (Kigali no mu ntara). Ni raporo ikorwa ku bufatanye na Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR). Yibanda ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ibikorerwa mu nganda zitunganya ibintu binyuranye, ndetse n'ibindi bikorwa bifitiye igihugu akamaro aribyo amashanyarazi, amazi, isuku n'isukura, ndetse n'itumanaho n'isakazabumenyi.

*© Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda /PPI Gicurasi 2025*

## 1. IBICIRO BYO MU NGANDA MU RWANDA

Muri Gicurasi 2025, ibiciro rusange byo mu nganda byazamutseho 6,3% ugereranyije na Gicurasi 2024. Ibi byatewe n'izamuka rya 7,7% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye n'ibiciro byo mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro byazamutseho 1,1%.

Ugereranyije Gicurasi 2025 na Mata 2025, ibiciro byo mu nganda byazamutseho 2,5%. Ibi byatewe n'izamuka rya 3,1% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 2. IBICIRO BYO MU NGANDA ZIKORA IBICURUZWA IMBERE MU GIHUGU

Muri Gicurasi 2025, ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa imbere mu gihugu byazamutseho 5,4% ugereranyije na Gicurasi 2024. Ibi byatewe n'izamuka rya 6,9% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

Ugereranyije Gicurasi 2025 na Mata 2025, ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa imbere mu gihugu byazamutseho 1,7%. Ibi byatewe n'izamuka rya 2,1% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 3. IBICIRO BYO MU NGANDA ZIKORA IBICURUZWA BYOHEREZWA MU MAHANGA

Muri Gicurasi 2025, ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 8,4% ugereranyije na Gicurasi 2024. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 14,8% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya ikawa n'izamuka rya 3,2% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya icyayi.

Ugereranyije Gicurasi 2025 na Mata 2025, ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 4,4%. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 10,8% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya ikawa. Naho igabanuka rya 1,6% ry'ibiciro by'icyayi ryagabanuye izamuka rikabije ry'ibiciro byo mu nganda ziora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga.

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)
Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,
Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321
E-mail: info@statistics.gov.rw